Ce sont des personnes qui habitent le ménage depuis au moins 6 mois ou qui ont l'intention ferme d'y rester pour au moins 6 mois.

Exemple : - un fonctionnaire nouvellement affecté dans la région où vous recensez;

- une femme nouvellement mariée qui vient d'intégrer le foyer de son mari.

Ces deux personnes sont des résidants même si elles n'ont pas encore fait 6 mois dans ce ménage.

Est résidant présent : toute personne qui réside habituellement dans le ménage recensé et qui y a passé la nuit de référence.

Est résidant absent : toute personne qui réside habituellement dans le ménage mais qui n'y a pas passé la nuit de référence.

Si son absence a duré ou si elle doit durer plus de 6 mois, elle n'est plus considérée comme résidante dans le ménage. En ce moment, cette personne ne sera pas du tout recensé.

Exemple : - une nouvelle mariée sera recensée chez son époux comme résidante et non chez ses parents même si elle les a quittés très récemment. Mais si elle a passé la nuit de référence chez ses parents, elle sera considérée comme visiteur chez ses parents et résidante chez son époux.

- Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda ntibazabarurwa ariko abakozi babo bagomba kubarurwa.
- Ba mukerarugendo bazaba bari mu Rwanda mu gihe cy'ibarura bazabarurwa nk'abashyitsi.

5.2. Ijoro ry'ifatizo n'ibyerekeye gutura.

1. Ibisobanuro

Ijoro ry'ifatizo :

Ni ijoro ribanziriza umunsi w'ibarura (ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama 1991).

Ibyerekeye gutura.

Abo usanze mu rugo bashobora kuba basanzwe batuye cyangwa ari abashyitsi.

Abasanzwe batuye mu rugo : ni abantu bamaze cyangwa bazamara nibura amezi atandatu batuye urwo rugo.

Urugero : - Umukozi wa Leta ugitangira akazi mu gace umubaruriramo;
- Umugore ukimara kurongorwa.

Abo bantu bombi babarurwa ko basanzwe batuye muri urwo rugo n'ubwo bataramara amezi atandatu.

Arahaba kandi yaraharaye : umuntu wese usanzwe uba mu rugo kandi yaraharaye mu ijoro ry'ifatizo.

Arahaba ariko ntiyaharaye : umuntu wese usanzwe uba mu rugo ariko ataraharaye mu ijoro ry'ifatizo.

Niba yaramaze cyangwa azamara amezi arenze atandatu atari mu rugo, icyo gihe azabarurirwa aho azaba yaragiye.

Urugero : umugore umaze igihe gito arongowe (kitageze ku mezi atandatu) azabarurirwa ku mugabo we ko asanzwe ahatuye. Ariko niba mu ijoro ry'ifatizo uwo mugore yararaye ku babyeyi be (yaragiye kubasura) azabarurirwa kwa se ko ari umushyitsi, naho ku mugabo we abarurwe ko asanzwe ahatuye ariko ataharaye.

Est Visiteur : - toute personne qui a passé la nuit de référence dans le ménage mais qui n'y réside pas habituellement.

5.3. Unité d'habitation

C'est un local distinct et indépendant utilisé comme habitation même s'il n'a pas été construit dans ce but. Cette unité d'habitation peut faire partie d'un immeuble comme un appartement ou être un immeuble particulier ou encore être composé de plusieurs constructions se trouvant dans un enclos déterminé (urugo)

5.4 Structure

Une structure est une construction isolée ou un ensemble de constructions séparées dans l'espace et entourées par un enclos déterminé, pouvant abriter un ou plusieurs ménages. Une structure peut contenir une ou plusieurs unités d'habitation.

Chap. 6. REPLISSAGE DU QUESTIONNAIRE.

6.1. Recommandations générales

- N'utilisez qu'un bic bleu pour le remplissage du questionnaire.
- Dans le cas des questions qui ne concernent pas une personne (questions sans objet du fait de son âge ou de son sexe par exemple; mettez SO dans chacune des colonnes correspondantes, car aucune colonne ne doit rester vide.
- Faites tous les efforts possibles pour obtenir une réponse à chaque question. Au cas où vous ne parvenez pas à obtenir de réponse à une question, inscrivez ND (Non Déclaré).
- Ecrivez lisiblement les réponses des enquêtés ou bien encerclez correctement le chiffre correspondant.

6.2. Remplissage de la première page

La première page du questionnaire ménage doit être remplie pour chaque ménage recensé.

6.2.1. Identification du ménage

6.2.1.1. Préfecture, commune, secteur, cellule

Vous remplissez en lettres majuscules les noms de la préfecture, de la commune, du secteur et de la cellule dans lesquels se trouve le ménage recensé. Vous porterez dans les cases réservées à cet effet le code affecté à chacune de ces entités administratives en consultant le code géographique de la commune dans laquelle se trouve son D.R.

Umushyitsi : ni umuntu wese waraye mu rundi rugo rutari urwe mu ijoro ry'ifatizo ariko akaba adasanzwe ahaba.

5.3. Inzu ituwe.

Ni buri nzu ibamo abantu n'iyi ataricyo yubakiwe. Iyo nzu ifite kuba ari icyumba cyangwa inzu yitaruye cyangwa amazu menshi afite uruzitiro rumwe.

5.4. Urugo.

Urugo ni inzu yitaruye cyangwa amazu menshi atatanye afite uruzitiro rumwe kandi ashobora guturwamo n'umuryango (urugo) umwe cyangwa myinshi.

6. KUZUZA URUPAPURO RW'IBIBAZO.

6.1. Amabwiriza rusange.

- Koresha gusa ikaramu y'ubururu mu kuzuza urupapuro rw'ibarura.
- Iyo ikibazo kitagomba kubazwa, andika "SO" mu gice kirebana n'icyo kibazo kuko ntahagomba gusigara hatanditse.
- Gerageza kubonera ibibazo byose ibisubizo. Nibidashoboka ushyireho aka kamenyetso "ND".
- Andika neza ibisubizo uhawe niba ari uguca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo, ca akaziga neza.

6.2. Ukuzuza urupapuro rwa mbere.

Urupapuro rwa mbere rugomba kuzuzwa kuri buri rugo rumaze kubarurwa.

6.2.1. Iranga-rugo.

6.2.1.1. Perefegitura, Komini, Segiteri, Selire.

Umukarani w'ibarura yandika mu nyuguti nkuru amazina ya Perefegitura, Komini, Segiteri na Selire urugo rubarurwa rurimo. Ashyira mu tuzu duteganyijwe n'umwe zahawe buri Perefegitura, Komini, Segiteri na Selire, yifashishije urutonde rw'inomero ndanga-karere rwa Komini agapande ke k'ibarura kabarizwamo.

Exemple. 1. Pour un ménage situé dans la cellule de GATAGARA secteur de MPABE commune KIRAMBO dans la préfecture de CYANGUGU, vous remplirez :

- préfecture CYANGUGU :

0	3
---	---
- commune de KIRAMBO :

0	1
---	---
- secteur : MPABE :

0	5
---	---
- cellule : GATAGARA :

0	3
---	---

2. Pour un ménage situé dans la cellule KAGOMA, secteur NYERANZI, commune MUYAGA, préfecture BUTARE.

Vous coderez :

- Préfecture BUTARE :

0	1
---	---
- Commune MUYAGA :

0	9
---	---
- secteur NYERANZI :

0	8
---	---
- cellule KAGOMA :

0	2
---	---

Chaque agent recenseur devra se munir d'un manuel de code géographique de la commune de son ressort. Ce manuel lui sera donné à la fin de la formation.

6.2.1.2. Numéro du District de Recensement (DR), numéro de structure, numéro du ménage.

Le numéro de votre DR comporte trois chiffres et vous est communiqué au cours de la formation. Il est à reporter sur le questionnaire dans les cases correspondantes.

Exemple : Si le n° du D.R. est 101, vous inscrivez dans les cases réservées à cet effet sur le questionnaire :

DRn°

1	0	1
---	---	---

Urugero :

1. Urugo ruri muri Selire ya GATAGARA, Segiteri ya MPABE, Komini KIRAMBO, Perefegitura CYANGUGU.

Andika : - Perefegitura CYANGUGU	0	3
- Komini KIRAMBO	1	0
- Segiteri MPABE	0	5
- Selire GATAGARA	0	3

2. Urugo ruri muri Selire ya KAGOMA, Segiteri ya NYERANZI, Komini MUYAGA, Perefegitura ya BUTARE, andika :

- Perefegitura BUTARE	0	1
- Komini MUYAGA	0	9
- Segiteri NYERANZI	0	8
- Selire KAGOMA	0	2

Buri mukarani w'ibarura agomba kwitwaza igitabo kirimo iyo mibare ijyanye na buri gace k'igihugu kazwi kandi gatuwe. Icyo gitabo azagihabwa nyuma y'ihugurwa.

6.2.1.2. Nimero y'agapande k'ibarura, nimero y'inzu, nimero y'urugo.

Iyo nimero igizwe n'imibare itatu kandi uzayibwirwa mu gihe cy'ihugurwa. Ugomba kuyishyira mu mwanya wayo kuri buri rupapuro rw'ibarura.

Urugero : niba nimero y'agapande k'ibarura ari 101 uzandika ku rupapuro rw'ibibazo mu tuzu twabigenewe : nimero y'agapande k'ibarura

1	0	1
---	---	---

Numéro de structure

Vous marquerez dans les trois cases réservées à cet effet, le numéro de la maison principale du ménage sans le sigle R.G.P. Celui-ci permet de distinguer le numéro qu'il précède d'autres numéros éventuels qui figureraient sur la porte. Ce sigle n'intervient donc pas sur le questionnaire.

Exemple: 1. Vous arrivez dans un ménage qui occupe 3 maisons ayant toutes un même numéro. Le ménage porte le n° RGP 127/065. Vous marquerez dans la case réservée à cet effet seulement les trois chiffres suivant directement le sigle RGP : n° de structure

1	2	7
---	---	---

Numéro du ménage

Reportez le numéro affecté à ce ménage lors de la numérotation des bâtiments et des ménages. Dans le cas précédent, on a n° du ménage

0	6	5
---	---	---

6.2.2. Type de ménage

Si le ménage est ordinaire, encerclez 1. S'il est collectif encerclez 2 et marquez en toutes lettres le type d'établissement.

Exemple : prison, école, centre de santé, camp militaire, etc.

6.2.3. Le nombre total de questionnaires utilisés dans le ménage

Le nombre de questionnaires est égal au numéro du dernier questionnaire consacré à ce ménage. Sur chaque questionnaire, on enregistre au maximum 11 personnes.

Si un ménage comporte plus de 11 personnes, vous devez utiliser des questionnaires supplémentaires. Dans ce cas, chaque questionnaire a son numéro et il est fonction du nombre total des questionnaires utilisés.

Les renseignements relatifs à l'identification géographique doivent être remplis sur chaque questionnaire utilisé.

Exemple

- 1) Un ménage compte 9 personnes. Vous n'utilisez qu'un seul questionnaire. En lère page, vous devez inscrire :
- Nombre total de questionnaires utilisés 1
 Questionnaire n° 1

.../...

Nimero y'inzu.

Andika mu tuzu dutatu twateganyijwe nimero y'inzu ituwemo na nyiri urugo nta mpinamagambo "RGP" ushyizeho. Akamaro k'iyi mpinamagambo, ni ugutandukanya gusa nimero z'ibarura n'izindi zaba zanditse ku rugi.

Urugero : ugeze ku rugo rutuye mu mazu atatu yose afite nimero imwe, urugo rufite nimero RGP 127/065, uzandika mu tuzu nimero y'inzu :

1	2	7
---	---	---

Nimero y'urugo.

Andika nimero wahaye urwo rugo igihe washyiraga nimero ku mazu no ku ngo. Dukurikije urugero twatanze haruguru, nimero y'urugo ni :

0	6	5
---	---	---

6.2.2. Ubwoko bw'urugo.

Niba urugo ari urusanzwe, ca akaziga kuri 1. Niba ari ikigo gituwe, ca akaziga kuri 2 maze wandike icyo ari cyo.

Urugero : gereza, ishuri, ivuriro, ikigo cya gisirikare,...

6.2.3. Umubare w'impapuro z'ibibazo zakoreshejwe muri urwo rugo.

Umubare w'impapuro ungana na nimero y'urupapuro rw'ibibazo rwa nyuma bakoresheje babarura urwo rugo. Kuri buri rupapuro rw'ibibazo hajyaho abantu batarenze cumi n'umwe (11).

Iyo urugo rubamo abantu barenze cumi n'umwe, ukoresha izindi mpapuro z'ibibazo. Icyo gihe buri rupapuro rw'ibibazo rufite nimero yarwo bitewe n'impapuro zakoreshejwe muri urwo rugo. Ibyerekeye iranga-rugo yuzuzwa ku rupapuro rwa mbere rwa buri rupapuro rw'ibibazo.

Urugero:

1. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu icyenda (9) wuzuzura urupapuro rw'ibisubizo rumwe.

Kurupapuro paji ya mbere ugomba kuzuzaho :

- umubare w'impapuro z'ibibazo zakoreshejwe 1
- nimero y'uru rupapuro rw'ibibazo 1

.../...

- 2) Un ménage compte 15 personnes :
- Vous utilisez deux questionnaires. Vous devez inscrire en 1ère page du 1er questionnaire utilisé :
- Nombre total de questionnaires utilisés dans ce ménage 2
- Questionnaire n° 1
- En première page du 2ème questionnaire utilisé :
- Nombre total de questionnaires utilisés pour ce ménage 2
- Questionnaire n° 2

- 3) Un ménage compte 30 personnes :
- Vous utilisez 3 questionnaires. Vous devez inscrire en 1ère page du 1er questionnaire :
- Nombre total de questionnaires utilisés dans ce ménage 3
- Questionnaire n° 1

En première page du 2^{ème} questionnaire utilisé :

- nombre total de questionnaires utilisés dans le ménage 3

- questionnaire n° 2

En première page du 3^{ème} questionnaire utilisé :

- nombre total des questionnaires utilisés... 3

Vous devez procéder ainsi quel que soit le nombre total de questionnaires utilisés dans le ménage.

- questionnaire n° 3

Si vous utilisez plusieurs questionnaires dans le ménage, classez-les de la manière suivante :

Le 2^{ème} à l'intérieur du 1^{er},
 le 3^{ème} à l'intérieur du 2^{ème},
 le 4^{ème} à l'intérieur du 3^{ème} et ainsi de suite.

Ainsi, le questionnaire portant le n° 1 doit contenir tous les autres questionnaires.

6.2.4. Tableau récapitulatif :

Il est rempli à la fin de l'interview. On se sert des colonnes P4 et P5 pour le remplissage de ce tableau. Voir 6.5 pour le remplissage de ce tableau.

2. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu cumi na batanu, uzuzuza impapuro z'ibibazo ebyiri (2).
- Kuri paji ya mbere y'urupapuro rwa mbere rw'ibibazo ugomba kuzuza umubare w'impapuro z'ibibazo zakoreshejwe2
 - Nimero y'urupapuro rw'ibibazo..... 1
 - Kuri paji ya mbere y'urupapuro rwa kabiri rw'ibibazo ugomba kuzuza umubare w'impapuro z'ibibazo zakoreshejwe.....2
 - Nimero y'urupapuro rw'ibibazo 2
3. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu mirongó itatu (30), uzuzuza impapuro z'ibibazo eshatu.
- Kuri paji ya mbere y'urupapuro rw'ibibazo rwa mbere ugomba kuzuza umubare w'impapuro zakoreshejwe 3
 - Nimero y'urupapuro rw'ibibazo..... 1
 - Kuri paji ya mbere y'urupapuro rw'ibibazo rwa kabiri ugomba kuzuza umubare w'impapuro z'ibibazo zakoreshejwe 3
 - Nimero y'urupapuro rw'ibibazo 2
 - Kuri paji ya mbere y'urupapuro rwa gatatu, ugomba kuzuza Umubare w'impapuro zakoreshejwe..... 3
 - Nimero y'urupapuro rw'ibibazo 3

Iyo umukarani w'ibarura arangije kubarura, asabwe gutunganya impapuro z'ibibazo mu buryo bukurikira :

- Guseseka urupapuro rw'ibibazo rwa kabiri mu rupapuro rwa mbere rw'ibibazo.
- Guseseka urupapuro rw'ibibazo rwa gatatu mu rupapuro rw'ibibazo rwa kabiri.
- Guseseka urupapuro rw'ibibazo rwa kane mu rupapuro rw'ibibazo rwa gatatu. Bityo urupapuro rw'ibibazo nimero imwe nirwo rugaragara inyuma.

6.2.4. Imbonerahamwe y'urugo.

Iyo mbonerahamwe yuzuzwa umaze kubarura urugo. Kugira ngo uyuzuze wifashisha ibibazo byo kuri P5 na P4. Uburyo bayuzuzwa busobanuye mu gika cya 6.5.

6.3. Uko buzuza paji ya 2 n'iya 3 z'urupapuro rw'ibibazo.

6.3.0. Uko umukarani agomba gutangira.

Nugera mu rugo uzaramutsa abo uhasanze, uvuge ko ushaka kubonana na nyir'urugo ubundi uvuge izina ryawe uti : nitwa kanaka nkaba umukarani w'ibarura; mfite ibibazo ngomba kubabaza byateganyijwe mu rwego rw'ibarura.

1. Ese ni wowe nyir'urugo ?
2. Waba ufite ahantu wanditse abantu baraye hano mu ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama 1991 ?
3. Ni bande basanzwe baba muri uru rugo ? (Andika mu ikaye amazina akubwiye).
4. Muri aba bantu uvuze, ni bande baraye hano mu ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama ?
 - Ukurikiranye abo bantu ukurikije amabwiriza ari ku rupapuro rw'ibibazo kuri P2.
 - Ifashishe ilisiti uhawe na nyir'urugo kugirango urebe niba bihura.

Niba bidahura, sobanuzwa kugira ngo ukosore.

Kuri buri muntu utaraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ifatizo.

Ese kanaka amaze igihe kingana gite ataba hano ? Ese azagaruka ryari ?

- Niba amaze cyangwa azamara amezi atandatu atagaruka, uwo uhita umusiba kuri ya lisiti kuko atabarurirwa muri urwo rugo. Niba azagaruka mbere y'amezi atandatu, mubarure ko ahaba ariko ataharaye mu ijoro ry'ifatizo.

- Niba ataramara amezi atandatu agiye kandi ntawe uzi igihe azagarukira, uwo arabarurwa ko ahaba ariko ataharaye (ni nk'abagororwa batari bamara amezi atandatu bafunze).

Numara kumenya abantu batagomba kubarurwa muri urwo rugo :

- andika amazina y'abasigaye muri P2 ukurikije amabwiriza ahari ku buryo bukurikira :

6.3. Remplissage des 2e et 3e pages (caractéristiques individuelles)

6.3.0. Préparation de l'interview.

Quand vous arrivez dans un ménage, demandez à parler au Chef de ménage. S'il est absent, demandez s'il y a une autre personne adulte capable de fournir des renseignements sur le recensement. Introduisez-vous dans ces termes : "Bonjour, Madame, Mademoiselle, Monsieur... Mon nom est Je suis un agent recenseur; j'ai des questions à vous poser dans le cadre du recensement".

1. C'est vous qui êtes le chef de ménage ?
2. Auriez-vous un papier comportant les personnes qui ont passé la nuit du 15 au 16 août 1991 dans votre ménage ?
3. Quelles sont les personnes qui résident habituellement dans ce ménage ? (vous notez dans le cahier de brouillon, les noms de toutes les personnes que l'on vous déclare).
4. Parmi ces personnes énumérées, quelles sont celles qui ont passé la nuit du 15 au 16 août 1991 dans ce ménage ?

- Rangez ces noms en suivant l'ordre indiqué en colonne P2 du questionnaire.

- Servez-vous de la liste que le recensé vous a remis pour vérifier l'exhaustivité; s'il y a une différence entre les deux listes, aidez le recensé à corriger.

Pour chaque personne qui n'a pas passé la nuit de référence dans le ménage : depuis combien de temps est-elle partie ? Quand compte-t-elle revenir ?

- Si la personne est partie depuis plus de six mois ou si elle compte passer plus de 6 mois en dehors du ménage, alors on ne la recense pas dans ce ménage (barrez son nom sur la liste de brouillon). Si la personne compte revenir avant les 6 mois à partir de la date de son départ, elle est recensée dans le ménage comme résidant absent.

- Si la personne est partie depuis moins de 6 mois et qu'on ne connaît pas la date de son retour, elle sera considérée comme résidant absent (c'est le cas des prisonniers partis depuis moins de 6 mois).

Après avoir barré les noms de ceux qui ne sont pas à recenser dans le ménage: ordonner les noms des personnes restantes selon les instructions ci-après :

.../...

a) Andika abatuye mu rugo baharaye mu ijoro ry'ifatizo n'abataraharaye ku buryo bukurikira :

- nyir'urugo;
- abana ba nyir'urugo batarashaka baba muri urwo rugo ariko ba nyina bakaba batahaba uhereye ku mukuru;
- umugore wa mbere wa nyir'urugo uba muri urwo rugo akurikiwe n'abana be na nyir'urugo batarashaka baba muri urwo rugo uhereye ku mukuru;
- Umugore wa kabiri cyangwa uwa gatatu ba nyiri urugo baba muri urwo rugo akurikiwe n'abana babo na nyiri urugo batarashaka baba muri urwo rugo uhereye ku mukuru.
- Abana ba nyiri urugo bashatse, abo bashakanye n'abana babo ariko bose bakaba baba muri urwo rugo.
- abandi bose baba muri urwo rugo, ariko bafitanye isano na nyir'urugo bakurikiwe n'abafitanye isano n'abo bashakanye ariko baba muri urwo rugo.
- Abandi bose badafitanye isano na nyiri urugo cyangwa abo bashakanye.

b) Nyuma y'abatuye, andika abashyitsi baraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ifatizo.

5. Nta bashyitsi baba bararaye muri uru rugo mu ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama ? Niba bahari andika amazina yabo nyuma y'abasanzwe baba muri urwo rugo.

- Uzuza noneho urupapuro rw'ibibazo (P1 kugeza kuri P5) wifashishije ibyo wabanje kwandika mu ikaye ku bantu bose baba muri urwo rugo. Ibibazo byo kuva kuri P6 kugeza kuri P33 uzajya ubibaza umuntu umwe umwe.

Ibibazo byo kuri P1 kugeza kuri P15 : Ibibazwa abantu bose.

Ibyo bice bigomba kuzuzwa kuri buri muntu wese uba muri urwo rugo. Ntuzibagirwe kubarura impinja, abasaza n'abakecuru, ndetse n'abarwayi.)

N'abantu bapfuye nyuma y'itariki ya 15 Kanama bagomba kubarurwa. Uretse ko abana bavutse nyuma y'iyo tariki batazabarurwa. Abashyitsi bo, bazabazwa gusa ibibazo birindwi bya mbere, ni ukuvuga kuva kuri P1 kugeza kuri P7

P3 : Isano afitanye na nyir'urugo.

Iyo nyir'urugo ahari, avuga isano afitanye n'ababa mu rugo. Yaba adahari usubiza umukarani w'ibarura niwe uvuga isano nyir'urugo afitanye n'abahari bose.

- a) Vous inscrivez en commençant par les résidants présents et absents ayant passé la nuit de référence dans le ménage ou non dans l'ordre comme ci-après :
- Le chef de ménage (CM)
 - Les enfants du CM non encore mariés vivant dans ce ménage mais dont la mère ne vit pas dans ce ménage.
 - La 1ère épouse du CM vivant dans ce ménage suivie des enfants non encore mariés vivant dans ce ménage qu'elle a eu avec le chef de ménage en commençant du plus âgé jusqu'au moins âgé.
 - La 2ème épouse et/ou la 3ème du CM vivant dans ce ménage suivie de leurs enfants non encore mariés et vivant dans ce ménage qu'elles ont eu avec le CM en commençant par le plus âgé jusqu'au moins âgé.
 - Les enfants du CM mariés, leurs conjoints ainsi que leurs enfants tous vivants dans ce ménage.
 - Toute autre personne vivant dans ce ménage ayant un lien de parenté avec le CM suivie de celle ayant un lien de parenté avec ses conjoints.
 - Les autres personnes vivant dans le ménage mais n'ayant aucun lien de parenté avec le CM ou ses conjoints.
- b) Après vous inscrivez les visiteurs ayant passé la nuit de référence dans ce ménage.
5. N' y a-t-il pas eu de visiteurs qui ont passé la nuit du 15 au 16 août dans votre ménage ? S'il y en a eu, inscrire leurs noms à la suite de ceux des résidants.
- Vous transcrivez sur le questionnaire (P1 à P5) pour tous les membres du ménage les informations que vous avez sur brouillon. Les questions P6 à P33 sont remplies individu par individu.

6.3.1. Colonnes P1 à P15 : toute la population

Ces colonnes sont à remplir pour tous les membres du ménage résidants quelque soit leur âge et leur état de santé (recensez aussi bien le bébé, le vieillard que le malade). Sont concernées aussi les personnes décédées après les 15 août 1991. Par contre les enfants nés après le 15/08/1991 ne sont pas dénombrés. Pour les visiteurs, posez seulement les 7 premières questions c'est-à-dire jusqu'à la variable "âge".

Colonne P3 : Lien de parenté avec le Chef de ménage.

Le Chef de ménage définit son lien de parenté avec les autres membres du ménage s'il est présent lors de l'interview. Dans le cas contraire, la personne interviewée précise les liens de parenté des autres avec le Chef de ménage.

.../...

Kuri buri muntu wo mu rugo, ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe. Ibisobanuro by'amagambo ahinnye yakoreshejwe biri ahagana hasi ku rupapuro rw'ibibazwa ni bi bikurikira :

1. CM : Nyiri urugo
2. EP : Umugabo wa Nyiri urugo
Umugore wa Nyiri urugo
Mukeba
3. EN : Umuhungu wa Nyiri urugo
Umukobwa wa NYiri urugo
Abana ba NYiri urugo
Umwana wa mukeba
- 1.NV : Umwishywa wa NYiri urugo
Umwisengeneza wa Nyiri urugo
Umuhungu wabo wa Nyiri urugo
Umukobwa wabo wa Nyiri urugo
5. PA : Se wa Nyiri urugo
Nyina wa Nyiri urugo
Sewabo
Nyirarume
Nyirasenge
Nyinawabo
Mukasewabo
Umugabo wa nyina wabo
Sebukwe
Nyirabukwe
Sekuru
Nyirakuru
Murumuna wa Sekuru
Mukuru wa sekuru
Mushiki wa Sekuru
Murumuna wa Nyirakuru
Mukuru wa Nyirakuru
Sekuruza
Nyirakuruza
Mukase
6. PF : Umwuzukuru
Umwuzukuruza
Ubuwivi
Ubuwivure
7. FS : Musaza we
Mushiki we
Murumuna we

Pour chaque membre du ménage, encerclez le chiffre correspondant à la réponse reçue. Les explications de chaque abréviation figure en bas du questionnaire et sont détaillés comme ci-après:

P3 - LIEN DE PARENTE

1. CM : Chef de ménages
2. EP : Epoux du CM
Epouse du CM
Coépouse
3. EN : Fils du CM
Fille du CM
Enfants du CM (Garçon/fille)
Enfant de la coépouse
4. NV : Neveu/Nièce du CM
5. PA : Père du CM
Mère du CM
Oncle paternel (Frère du père)
Oncle maternel (Frère de la mère)
Tante paternel (Soeur du père)
Tante maternel (soeur de la mère)
Tante (Epouse de ton oncle)
Oncle (Epoux de la tante)
Beau-père (père du conjoint)
Belle-mère (mère du conjoint)
Grand-père
Grand-mère
Grand-oncle
Grand-tante
Arrière-grand-père
Arrière-grand-mère
Marâtre
6. PF : Petit (e)-fils/fille du CM
Arrière-petit(e)-fils/fille du CM
Arrière-arrière-petit(e)- fils/fille du CM
Arrière-arrière-arrière-petit(e)-fils/fille du CM
7. FS : Frère
Soeur
Petit(e)-frère/soeur

Mwene nyina wabo
 Mushiki wo kwa nyina wabo
 Mubyara we
 Musanzire
 Mukuru we
 Mwene se
 Mwene nyina
 Mwene se wabo
 Mushiki wo kwa se wabo
 Muramu we
 Umugabo wabo
 Muramukazi we
 Muramu wabo
 Muramukazi wabo
 Umwana wa mukase

8. SL : Abadafitanye isano na nyiri urugo
 Abandi bose

P4 : Ugutura

1. RP : arahaba kandi yaharaye mu ijoro ry'ifatizo
2. RA : arahaba ariko ntiyaharaye mu ijoro ry'ifatizo
3. VI : umushyitsi

Niba ahaba kandi yaharaye mu ijoro ry'ifatizo, ca akaziga ku mubare 1.

Niba ahaba ariko ataharaye mu ijoro ry'ifatizo, ca akaziga ku mubare 2.

Niba ari umushyitsi, ca akaziga ku mubare 3.

Icyitonderwa :

- Abantu basanzwe baba mu rugo ariko kubera impamvu z'akazi bakaba bararaye aho bakorera mu ijoro ry'ifatizo, bazabarurwa nk'aho bahari kandi banaraye;

Urugero : umuzamu, umuganga waraye izamu ku bitaro,...

- Abarwayi baguye mu bitaro mbere y'itariki ya 16 Kanama 1991 bazabarurwa ko bahaba ariko bataharaye mu ijoro ry'ifatizo. Abagororwa bazabarurirwa mu ngo zabo niba batamaze igihe kirenze amezi atandatu bafunzwe.

P5 : Igitsina.

Niba ubazwa ari igitsina gabo, ca akaziga ku mubare 1, niba ari igitsina gore ca akaziga ku mubare 2. Birumvikana ko kuri P5 hagomba kuboneka igisubizo kuko nta muntu utagira igitsina.

.../...

Grand(e)-frère/soeur
 Demi-frère
 Demi-soeur
 Cousin(e) paternel(le)
 Cousine partenel (le)
 Beau-frère/Belle-soeur
 Cousin(e)
 Beau-frère
 Belle-soeur
 Beau-frère
 Belle-soeur
 Enfant de la marâtre

8. SL : Sans lien de parenté avec le CM
 Les autres cas non classés ailleurs

Colonne P4 : Statut de résidence :

- 1 - RP : Résidant Présent
- 2 - RA : Résidant Absent
- 3 - VI : Visiteur

Si l'individu est : - résidant présent, encerclez le chiffre 1
 - résidant absent, encerclez le chiffre 2

Si l'individu est visiteur, encerclez 3

N.B.- Les personnes qui normalement résident dans le ménage mais qui, pour des raisons de service ont passé la nuit de référence à leur lieu de travail, sont considérées comme résidants présents ;

Exemple : un veilleur, une personne de garde à l'hôpital ...
 - Les malades du ménage partis avant le 16/08/1991 et qui se trouvent dans un établissement hospitalier seront recensés comme résidants absents quelle que soit la durée de leur absence. Les détenus dans les établissements pénitentiaires seront recensés dans leurs ménages ordinaires s'ils sont partis depuis moins de 6 mois.

Colonne P5 : Sexe :

Encerclez 1 si la personne est de sexe masculin et 2 si elle est de sexe féminin. Le sexe des personnes recensées doit toujours être déterminé. L'omission n'est pas admise.

P6 : Itariki y'amavuko.

Iyi tariki irakomeye cyane. Buri mukarani w'ibarura agomba kuyibonera igisubizo ku buryo bwuzuye nta guhubuka. Mu by'ukuri, iteganyamigambi mu by'ubukungu cyangwa imibereho y'abaturage ikorwa hakurikijwe ikigero cy'abantu bazabikenera.

Urugero: Umubare w'amashuri akenewe, uteganywa hakurikijwe umubare w'abana bari mu kigero cyo gutangira ishuri. Ku byerekeye itariki y'amavuko, andika ukwezi (mu mibare 2) n'umwaka (mu mibare 4). Tandukanya ukwezi n'umwaka ukoresheje agakoni kaberamye, hanyuma wandike "SO" muri P7 hanyuma ubone kujya muri P8.

Urugero : Umuntu wavutse muri Kanama 1953, andika ku murungo 08/1953

- Niba umuntu atazi ukwezi yavutseho ariko akaba azi umwaka gusa, andika umwaka, noneho uce akarongo gatambitse aho wagombaga kwandika ukwezi. Andika "SO" muri P7 mbere yo kujya muri P8.

Urugero: Umuntu uvuze ko yavutse mu w'1958, andika -/1958 ku murungo.

- Niba atazi igihe yavukiye, andika N.D. muri P6 hanyuma ujye kuri P7.

P7: Imyaka y'amavuko.

Uzuza muri P7 imyaka y'amavuko ku bantu batazi umwaka n'ukwezi bavutseho, ni ukuvyaga ku bantu washyizeho "N.D" muri P6. Andika umubare w'imyaka akubwiye.

Urugero : Umuntu afite imyaka 39 cyangwa 39 n'igice, andika mu tuzu twabigenewe:

3	9
---	---

Umuntu ufite imyaka 26 cyangwa 26 n'igice, andika mu tuzu twabigenewe:

2	6
---	---

- Mu gihe hari umuntu utazi imyaka ye, koresha uko ushoboye kose ugereranye imyaka ye, uhereye ku myaka y'ababyeyi, y'abana cyangwa se uhereye kubyo akubwiye cyangwa ubwiwe n'abandi baba mu rugo.

Icyitonderwa.

Niba umuntu azi neza itariki yavutseho n'imyaka afite, icyo gihe andika gusa muri P6 itariki y'amavuko naho mu mwanya uteganyirijwe imyaka andikamo "SO".

Colonne P6: Date de naissance:

Il s'agit d'une variable très importante, qui doit être saisie avec le maximum de précision. En effet, toutes les prévisions économiques et sociales se font sur base de la population en âge d'en bénéficier.

Exemple : le nombre d'écoles à construire dépend du nombre d'enfants en âge d'aller à l'école.

Pour la date de naissance inscrivez le mois (en 2 chiffres) et l'année de naissance (en 4 chiffres). Séparez le mois et l'année par une barre oblique, inscrivez "SO" en P7 puis passez à la question P8.

exemple : la personne est née en août 1953 inscrire: 08/1953 sur la ligne.
08/1953.

- si une personne ne connaît pas son mois de naissance mais connaît l'année seulement, inscrivez l'année et mettez un trait à la place du mois.

Inscrivez "SO" en P7 et puis passez à la question P8.

exemple: la personne déclare être née en 1958 inscrivez : -/1958 sur la ligne.

- Si une personne ne connaît ni le mois ni l'année de sa naissance, inscrivez "ND" (non déclaré) en colonne P6 et passez à la colonne P7.

Colonne P7: âge

Ne remplissez cette colonne que pour les personnes qui ne connaissent pas leur année de naissance, c'est à dire celles pour lesquelles vous avez inscrit "ND" en colonne P6. Inscrivez dans les cases le nombre d'année (l'âge) que la personne vous déclare.

exemple: Pour une personne âgée de 39 ans ou de 9 ans et demi : inscrivez dans les cases

3	9
---	---

Pour une personne âgée de 26 ans ou de 26 ans et demie; inscrivez dans les cases

2	6
---	---

- Si une personne ne connaît pas son âge, faites tout votre possible pour l'estimer, en vous basant sur les âges des parents, des enfants ou sur des informations fournies par l'intéressé ou par d'autres personnes.

N.B. :

- Si une personne connaît sa date de naissance et son âge, inscrivez uniquement la date de naissance et mettez "SO" dans la colonne réservée à l'âge.

.../...

- Abantu barengeje imyaka 100, uhindura imyaka ye mu itariki yavukiyeho ukuzuza P6
- Abana bavutse mu mwaka wa 1990 na 1991, baza buri gihe ukwezi bavutsemo niba ababyeyi batazi uko ukwezi, ugereranya nawe ukwezi yaba yaravutsemo (nta mwaka 00 ugomba kujya muri P7).

Urugero :

Umwana udafite amenyo, akenshi aba afite munsi y'amezi atandatu. Niba afite amenyo 2 yo hepfo, aba afite hagati y'amezi atandatu n'umunani.

Ushobora no kwifashisha urupapuro bamukingirizaho kugirango urebe imyaka afite, bityo ukaba wamenya ukwezi yavutsemo.

P8: Aho yavukiye.

Ni ahantu ababyeyi b'ubarurwa babaga bamubyara. Niba ababyeyi be batarabaga hamwe, andika aho nyina yamubyariye. Uwavukiye mu Rwanda, andika Komini bavukiyemo. Naho uwavukiye mu mahanga, andika igihugu yavukiyemo.

Icyitonderwa.

Ntugomba kwitiranya aho umuntu yavukiye n'aho nyina yamubyariye cyangwa se aho afatira ibyangombwa.

- Aho umuntu yavukiye ni aho ababyeyi be babaga avuka.
- Aho yabyariwe, ni aho ibitaro yabyariwemo byubatswe. Niba yarabyariwe mu rugo, aho yavukiye n'aho yabyariwe ni hamwe.
- Aho afatira ibyangombwa, ni Komini yanditswemo.

P9 : Komini yanditswemo.

Iki kibazo kibazwa abanyarwanda gusa. Ni ukwandika Komini umuntu yakiramo ibyangombwa. Ku banyamahanga, andika "SO". Ku bana batanditswe muri Komini, wandika ibyo ababyeyi be bakubwiye. Icyo gihe Komini yanditswemo ni icyo bazamwandikishamo.

- Pour les personnes ayant 100 ans et plus, vous demandez au recensé son âge et convertissez celui-ci en date de naissance (l'an) en P6.
- Pour les enfants nés en 1990 et en 1991, demandez toujours le mois de naissance. Si les parents ne le savent pas, estimez-le vous même (l'âge 00 ne doit pas figurer dans P7).

Exemple :

Un enfant qui n'a aucune dent a de fortes chances d'avoir moins de 6 mois.

S'il a les deux d'en bas, il a entre 6 et 8 mois. Vous pouvez aussi vous servir des carnets de vaccination de l'enfant pour voir son âge et calculer ainsi son mois de naissance.

Colonne P8: Lieu de naissance.

Il s'agit du lieu où les parents résidaient réellement au moment de la naissance du recensé. Si le père et la mère ne vivaient pas ensemble, c'est le lieu de résidence de la mère au moment de la naissance du recensé qu'il faut considérer.

Pour ceux qui sont nés au Rwanda, inscrivez la commune de naissance. Pour ceux qui sont nés à l'étranger, inscrivez le nom du pays.

N.B. Il ne faut pas confondre le lieu de naissance du lieu d'accouchement ou du lieu de domiciliation.

- Le lieu de naissance c'est le lieu de résidence des parents c'est-à-dire lors de la naissance du recensé.

- Le lieu de l'accouchement: c'est le lieu où est implanté la formation sanitaire où a lieu l'accouchement. En cas d'accouchement à domicile, le lieu d'accouchement se confond avec le lieu où se trouve ce ménage.

- le lieu de domiciliation : c'est la commune où l'on est enregistré.

Colonne P9 : Commune de domiciliation

Inscrivez la commune où est enregistré le recensé (qui délivre la carte d'identité). Mettez "SO" pour les étrangers. De ce fait, cette question se pose uniquement aux Rwandais. Pour les enfants non encore enregistrés à la Commune, il faut se référer à la déclaration des parents. Dans ces cas, la Commune de domiciliation de l'enfant est la Commune dans laquelle les parents ont l'intention de l'inscrire.

P10 : Igihe amaze muri Komini.

Uzuza muri p10 imyaka ubarurwa amaze atuye muri iyo Komini, niba yarigeze kuba ahandi igihe cy'amezi atandatu cyangwa se arenga. Niba icyo igihe kitageze ku mwaka andika

0	0
---	---

Niba ubarurwa yaratuye gusa muri Komini avukamo, andika "NAIS". Kugira ngo bagusubize neza, ugomba kumenya niba ubarurwa atarigeze yimuka. Niba atarigeze yimuka mu gihe cy'amezi arenze atandatu, ugomba kumenya ko igihe amaze atuye muri iyo Komini atimutse.

P11 : Aho yabanje gutura.

Ni Komini ubarurwa yabayemo mbere y'uko aza gutura aho bari kumubarurira.

Niba yarabanje gutura mu mahanga, andika izina ry'igihugu yabagamo. Aho yabanje gutura ni ahantu yabaye nibura amezi atandatu atarahava. Niba atuye muri iyo komini kuva akivuka, andika "SO".

Ingero :

1. Umuntu uba muri Nyarugenge, akubwiye ko kuva yavuka ntahandi yabaye igihe kigeze ku mezi atandatu, andika "NAIS" muri P10 na SO muri P11.
2. Umuntu w'i Nyamabuye (GITARAMA) akubwiye ko yavukiye i Gitesi (KIBUYE), akaba yarabaye; amezi 8 muri Kanama (GISENYI), amezi 3 muri Nyarugenge (KIGALI), amezi 7 muri Ngoma (BUTARE), amezi 3 na none muri Nyarugenge mbere yo kuza gutura i Nyamabuye amaze umwaka. Andika NGOMA muri P11. Iyo aba yarabaye amezi 6 muri Kigali atarahava mbere yo kuza muri Nyamabuye, aho yabanje gutura hari kuba Nyarugenge.

Icyitonderwa.

Ni ngombwa kumenya ko amakomini amwe ya giye ahindurwa amazina n'imbibi bigatuma umuntu yimuka mu yindi Komini kandi atarigeze yimuka aho atuye. Kubera izo mpamvu, umukarani w'ibarura ahabwa urupapuro ruriho amazina y'amasegiteri yerekana Komini zarimo n'izo yimukiyemo. Uwo mukarani w'ibarura agomba kubaza neza ikibazo cye kigira ngo amenye niba segiteri ubarurwa yaratuyemo ihwanye n'izwi ubungubu.

Colonne P10 : Durée de résidence

Inscrivez dans les cases de la colonne P10, le nombre d'années que la personne vient de passer dans cette commune à condition qu'elle ait déjà vécu ailleurs pendant au moins 6 mois. Si la durée n'atteint pas un an, inscrivez

0	0
---	---

Si l'individu habite cette commune depuis la naissance, mettez "NAIS" pour dire depuis la naissance.

Pour mieux poser cette question, il faut s'assurer que le recensé n'a pas changé de lieu de résidence. S'il y a eu changement de lieu de résidence, le recensé doit donner la durée de résidence qu'il a passé dans cette Commune sans se déplacer.

Colonne P11 : Lieu de résidence antérieure.

C'est la commune dans laquelle résidait la personne enquêtée immédiatement avant de s'installer dans sa résidence actuelle.

Si la personne vivait à l'étranger, il faut écrire le nom du pays uniquement. Le lieu n'est considéré que si l'enquêté y a passé au moins 6 mois ininterrompu.

Si la personne habite cette commune depuis la naissance (si la personne est "NATIVE"), mettez "SO".

Exemples :

1) un résidant à Nyarugenge vous dit qu'il est là depuis sa naissance et n'a jamais vécu ailleurs pendant 6 mois. Pour lui vous devez inscrire "NAIS" en P10 et mettre "SO" en P11.

2) Dans un ménage à Nyamabuye (Gitarama), l'enquêté déclare à l'A.R. qu'il est né à Gitesi (Kibuye), il a vécu successivement 8 mois à Kanama (Gisenyi), 3 mois à Nyarugenge (Kigali), 7 mois à Ngoma (Butare), 3 mois encore à Nyarugenge avant de s'installer à Nyamabuye depuis 1 an.

Vous inscrivez NGOMA en P11. S'il avait passé 6 mois à Kigali de façon ininterrompu avant de s'installer à Nyamabuye, la dernière résidence aurait été Nyarugenge.

N.B. : Il faut remarquer que certaines entités administratives ont subies des changements dans le temps entraînant par conséquent des nouvelles subdivisions administratives sans que pour autant il y ait eu de changement de résidence pour les ménages y habitant. Ce cas est fréquent en milieu urbain. Dans ce cas il va falloir se référer à la liste ad-hoc répartissant les secteurs qui ont eu à changer de Commune. Ainsi, il revient à l'agent recenseur de situer la Commune actuelle correspondante.

Urugero : Umuntu yaratuye i Remera (Komini Rubungo), ubungubu ikaba ari Komini Kacyiru, ntabwo yigeze yimuka. Komini yaratuyemo iragumya kuba Kacyiru. Ni kimwe n'umuntu wimutse i Remera muri Rubungo akajya i Nyamirambo muri Nyarugenge aho yaratuye mbere ni muri Komini Kacyiru.

P12 : Ubwenegihugu.

Ku banyarwanda, ibisubizo bishoboka muri P12 ni HUTU, TUTSI, TWA cyangwa uwemerewe ubwenegihugu (naturalisé) naho ku banyamahanga ni ukuzuzamo ubwenegihugu bwe cyangwa izina ry'igihugu cye. Andika icyo ubarurwa akubwiye. Niba ari umwana mutoya, andika ubwenegihugu cyangwa ubwoko bwa se.

P13 : Idini.

Muri P13 ni ukubaza buri muntu ukuze idini rye, naho ku bana bato ukubaza ababyeyi idini ry'abo bana. Idini ry'uruhinja rihitwamo n'ababyeyi be.

P14 na P15 : Ibirebana n'ubuzima bw'ababyeyi.

Aha ni ukureba niba ababyeyi nyakuri babyaye ubarurwa baba bakiriho. Ntabwo rero ari ukureba ababyeyi barera umwana bataramubyaye ahubwo ni ukureba abamubyaye koko. Muri P14 ca akaziga kuri 1 niba ubarurwa akubwiye ko se akiriho; ca akaziga kuri 2 niba atakiriho; nabwo ca akaziga kuri 3 niba atazi neza ko se akiriho cyangwa yarapfuye. Muri P15, ca akaziga kuri 1 niba akubwiye ko nyina akiriho; ca akaziga kuri 2 niba yarapfuye; ca akaziga kuri 3 niba atazi ko nyina ariho cyangwa yapfuye. P14 na P15 hagomba kuba igisubizo muri biriya bitatu gusa. Iyo ntacyo asubije (ND), kandi udashoboye kubona igisubizo, ca akaziga kuri 3. Niyo yaba ari undi usubiriza mugenzi we, ca akaziga kuri 3.

Kuva kuri P6 kugeza kuri P20 : Abantu bafite imyaka 6 n'abayirengeje.

Ibi bibazo bireba abantu bafite imyaka 6 n'abayirengeje. Ku batagejeje kuri icyo myaka, andika "SO" kuva kuri P16 kugeza kuri P20.

P16 : Kwandika no gusoma.

- Muri P16 ni ukubaza niba ubarurwa azi gusoma no kwandika.
- Niba azi gusoma no kwandika, ca akaziga ku mubare 1,
 - Niba atazi gusoma no kwandika, uzaca akaziga kuri 2,
 - Niba azi gusoma gusa, ca akaziga kuri 3.

Exemple : Une personne qui habitait Remera (Commune Rubungu) et dont la correspondance actuelle est la Commune Kacyiru n'a pas changé de lieu de résidence. Sa résidence antérieure est Commune Kacyiru. De même la personne qui a déménagé de Rubungu (Remera) vers Nyarugenge (Nyamirambo) a comme résidence antérieure la Commune Kacyiru.

Colonne P12 : Nationalité

Pour les rwandais, les réponses possibles sont: HUTU, TUTSI, TWA et NATURALISE, tandis que pour les étrangers on inscrit la nationalité ou le nom de leur pays. Vous écrivez rien que les déclarations du recensé. Pour les petits enfants, vous reportez la nationalité du père ou l'ethnie de celui-ci.

Colonne P13 : La religion.

On doit demander à chaque personne adulte la religion à laquelle elle adhère. Pour les enfants: demander aux parents la religion de chacun de leurs enfants. Pour des bébés, l'adhésion à une religion est déterminée par ses parents.

Colonne P14 et P15: Survie des parents.

Les parents dont il s'agit ici sont les parents biologiques, c-à-d les parents qui ont effectivement mis la personne enquêtée au monde. Pour la colonne P14, encerclez 1 si l'enquêté vous dit que son père est encore en vie, 2 si son père est décédé et 3 s'il ne sait pas si son père est en vie ou non. En colonne P15, encerclez 1 si la personne enquêtée vous dit que sa mère est encore en vie, 2 si sa mère est décédée et 3 si elle ne sait pas si sa mère est encore en vie ou non. Pour ces deux variables, il ne peut pas y avoir le cas de non-déclaré, car en cas de non déclaré (ND), il faut encercler 3. Ceci reste vraie même s'il s'agit d'une personne qui répond à la place de l'autre.

6.3.2. Colonne P16 à P20 : Population de 6 ans et plus.

Notez que ces colonnes ne concernent que les personnes âgées de 6 ans et plus. Pour les personnes de moins de 6 ans, mettez "SO" dans chacune des colonnes P16 à P33.

Colonne P16 : Alphabétisation.

Demandez à la personne recensée si elle sait lire et écrire en une langue quelconque une lettre, un journal, un livre ... Encerclez:

- 1 si elle dit OUI
- 2 si elle répond NON; c-à-d si elle ne sait ni lire ni écrire
- 3 si elle dit qu'elle sait lire seulement.

.../...

P17 : Indimi z'amahanga.

Ca akaziga ku mibare ijyanye n'indimi z'amahanga ubarurwa avuga. Niba avuga ururimi rumwe, uzaca akaziga ku mubare umwe uhuye n'urwo rurimi avuga. Niba avuga indimi nyinshi, ca utuziga ku mibare ijyanye n'izo ndimi avuga. Niba atavuga igifaransa, icyongereza cyangwa igiswahili, ca akaziga kuri "8". Niba nta rundi rurimi rw'amahanga avuga, ca akaziga kuri "16".

P18, P19, P20 : Amashuri.P18 : Umwaka wa nyuma w'amashuri yize.

Muri P18, ni ukubaza niba umuntu yarigeze mu ishuri.

1. Niba atarigeze mu ishuri, andika "OYA" mu gice cya P18 hanyuma wandike "SO" mu gice cya P19 na P20.
2. Niba yarize cyangwa acyiga, andika :
 - P + umubare w'imyaka yize niba yarize amashuri abanza gusa;
 - PP + umubare w'imyaka yize niba yarize mu mashuri y'ingoboka (CERAR, CERAI, FAMILIALE, COMPLEMENTAIRE, ARTISANAL, MENAGERE, IGA...);
 - SEC + umubare w'imyaka yize niba yarize amashuri yisumbuye;
 - Ku bize amashuri makuru, baza ikiciro cyo hejuru cy'amashuri bizemo. Ni ngombwa gutandukanya ibyiciro bitatu : icya mbere (BAC), icya kabiri (LIC), icya gatatu (DOC). Ku bagarukiye mu kiciro cya mbere cyangwa icya kabiri, wongeraho umubare w'amashuri bize kugira ngo bagere mu kiciro cyo hejuru. Ariko ntabwo ari ngombwa gushyiraho uwo mubare ku bize mu kiciro cya gatatu. Andika DOC gusa.

Ingero :

- Uwize imyaka ibiri y'amashuri makuru, umwaka wa nyuma w'amashuri yize ni "Bac2".
- Uwize imyaka 5 y'amashuri makuru, ariko akaba yarakoze imyaka 3 ya BAC n'imyaka 2 ya LIC, andika LIC5
- Uwarangije ikiciro cya 3 cy'amashuri makuru, andika DOC gusa.

Colonne P17 : Langues étrangères parlées.

Vous encerclez les chiffres correspondant aux langues étrangères que l'enquêté parle. Si l'enquêté parle une seule langue, c'est un seul chiffre correspondant à cette langue qu'il faut encercler.

S'il parle plusieurs langues alors on encercle les chiffres correspondants aux langues citées.

Si la langue citée n'est ni le français, l'anglais ou le swahili, on encercle le chiffre "8" correspondant à "AUTRE".

Si la personne ne parle aucune autre langue que sa langue maternelle on encercle "16".

Niveau d'instruction : Colonnes P18, P19, P20.Colonne P18: Dernière classe suivie.

Posez la question: "Avez-vous été à l'école ?"

1) Si la personne n'a jamais été à l'école, inscrivez OYA dans la colonne P18 et mettez "SO" dans chacune des colonnes P19 et P20.

2) Si la personne a déjà fréquenté ou fréquente actuellement une école, inscrivez :

- P + le nombre d'années d'études suivies si elle a fait seulement l'école primaire;

- PP + le nombre d'années suivies si elle a fait le post-primaire (CERAR, CERAI, COMPLEMENTAIRE, ARTISANAL, MENAGERE, FAMILIALE, IGA, etc...);

- SEC + le nombre d'années d'études suivies si elle a fait l'école secondaire;

- Pour l'enseignement supérieur, on demandera le cycle du système régulier le plus élevé que le recensé a fréquenté. On distingue 3 cycles suivants : Baccalauréat (BAC), licence (LIC), doctorat (DOC).

Pour les gens ayant fait le BAC ou LIC, il faut ajouter le nombre d'années suivies pour atteindre le cycle le plus long (c-à-d les années passées au supérieur).

Par contre, il n'est pas nécessaire de signaler le nombre d'années suivies pour faire le 3^è cycle. Ecrivez seulement DOC.

Exemples :

- La personne a suivi deux ans d'études supérieurs au premier cycle de l'Université. Alors, il faut marquer BAC2.

- La personne a réussi 5 ans d'études supérieures soit 3 au premier cycle et 2 au second cycle. Alors, il faut marquer LIC5.

- La personne a terminé le 3^{ème} cycle, alors il faut marquer DOC.

Kubize andi amashuri makuru atandukanye na Kaminuza, andika "Bac", "Lic" cyangwa "DOC" ukurikije uko impamyabumenyi zabo zingana.

Ingero :

Uwarangije muri IAMSEA, andika "Lic3".
Uwarangije muri CFATS cyangwa Saint Fidèle, andika "Bac2".

Icyitonderwa.

Niba umuntu yarize amashuri menshi atandukanye, andika ayo yize igihe kirekire.

Niba yarize amashuri makuru mu mahanga, umukarani w'ibarura agomba kumenya neza amagambo akoreshwa cyane cyane ajyana n'impamyabushobozi ze.

- BAC : Amashuri y'ikiciro cya mbere cya Kaminuza (imyaka 2 cyangwa 3).
- LIC : amashuri y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri makuru (imyaka 3 kugeza kuri 5). Ku bantu barangije ikiciro cya kabiri cy'amashuri makuru bakajya kwihugura ariko ntibahabwe impamyabumenyi y'ikiciro cya gatatu (Doctorat) cy'amashuri makuru, nabo bazabarurwa ko bize ikiciro cya kabiri cy'amashuri makuru.
- Niba uwize mashuri mato, ayisumbuye cyangwa amakuru atazi umwaka yagarukiyemo, ushobora kwandika P, SEC; BAC cyangwa LIC gusa ariko ukabisobanura mu cyitonderwa.

P19 : Amasomo yakurikiwe.

Muri P19, andika ishami ubarurwa yizemo mu mashuri yisumbuye cyangwa mu makuru.

Kubize amashuri mato, cyangwa abatarigeze biga, andika "SO".

P20 : Impamyabumenyi.

Andika impamyabumenyi isumbye izindi ubarurwa afite. Niba nta n'imwe afite andika "AUC". Hano rero impamyabumenyi tuvuga ni ihabwa uwarangije amashuri yisumbuye cyangwa amakuru.

Pour les personnes qui ont fait leurs études dans les instituts ou écoles supérieures, il faut mettre "BAC" ou "LIC" ou "DOC" selon que les diplômes délivrés par ces institutions sont équivalents au baccalauréat, à la licence ou au doctorat.

Exemples :

- 1) La personne a terminé 3 années à l'IAMSEA, sa dernière classe suivie est la "LIC3".
- 2) Une personne a terminé 2 années au C.F.A.T.S., sa dernière classe suivie est le "BAC2".

L'A.R. doit s'assurer de cette correspondance auprès de l'enquêté.

- N.B. :
- Si l'individu a parcouru plusieurs facultés, le nombre d'année à considérer est celui passé dans la faculté où il a fait le plus d'années.
 - Si l'enquêté a fait ses études supérieures à l'étranger, l'A.R. doit s'assurer de la signification des termes utilisés.
